



GENDER MONITORING OFFICE  
GENDER ACCOUNTABILITY FOR SUSTAINABLE DEVELOPMENT

# Tumenye kandi Twimakaze Ihame ry'Uburinganire, Turwanya Ihohoterwa Rishingiye ku Gitsina

Ku nkunga ya



Kingdom of the Netherlands

Gashyantare 2019

[www.gmo.gov.rw](http://www.gmo.gov.rw)

## Intangiriro

Leta y'u Rwanda yashyize imbaraga nyinshi mu guteza imbere ihame ry'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina nk'inzira yo kugera ku iterambere rirambye, kubahiriza uburenganzira bwa muntu no gushimangira imiyoborere myiza.

Ibi bishimangirwa n'amategeko atandukanye igihugu kigenderaho harimo Itegeko Nshinga ryo muri 2003 nk'uko ryavugururwe muri 2015, aho ihame ry'uburinganire ari rimwe mu mahame remezo igihugu cyubakiyeho.

Hashyizweho kandi amategeko atandukanye hagamijwe kurushaho guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu nzego zose ndetse no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina hagamijwe kubaka sosiyete itekanye kandi iha uburenganzira n'amahirwe angana abenegihugu bose, abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa.

Nubwo hari intambwe ishimishije yatewe mu kwimakaza ihame ry'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, haracyagaragara imbogamizi zitandukanye zirimo imyumvire mike ku ihame ry'uburinganire ndetse n'ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, bityo bigatuma ibyo igihugu cyiyemeje kugeraho bitagerwaho ku kigero cyifuzwa.

Ni muri urwo Gender Monitoring Office (GMO) nk'urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagabo n'abagore mu iterambere ry'igihugu no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina rufatanyabikorwa mu nzego zitandukanye mu guharanira ko ihame ry'uburinganire rirushaho kubahirizwa mu nzego zose mu gihugu.

Nyuma y'uko bigaragaye ko abayobozi b'inzego zibanze cyane cyane abo ku rwego rw'umudugudu n'akagari badafite amakuru ahagije ku bijyanye n'ihame ry'uburinganire no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, GMO ku bufatanye na UN WOMEN yateguye aka gatabo gakubiyemo amwe mu makuru y'ingenzi azafasha aba bayobozi kurushaho gusobanukirwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye n'uruhare rwabo mu kurushaho kwimakaza iri hame mu kazi kabo, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gufasha abahuye naryo kugera kuri serivise n'ubutabera buboneye.

By'umwihariko aka gatabo gakubiyemo amakuru arebana n'uburyo bwo gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, icuruzwa ry'abantu, inda ziterwa abangavu, ndetse n'inzego zo kwitabazwa mu gihe umuntu akorewe ihohoterwa cyangwa abonye uwahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'icuruzwa ry'abantu.

Aka gatabo kandi kazifashishwa nk'imfashanyigisho ku bafatanyabikorwa ndetse n'inzego zitandukanye cyane cyane inzego zibanze nka rumwe mu rwego rugira uruhare mu guhura n'abaturage, ndetse no kumva ibibazo byabo biherereye ku rwego rw'Umudugudu.

# TUMENYE KANDITWIMAKAZE IHAME RY'UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE

## Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo ni iki?

Ni ukugira amahirwe angana kandi asesuye ku bagore n'abagabo yo gukoresha uburenganzira bwabo bwa muntu n'ubushobozi bwabo, bakagira uruhare rungana mu bikorwa byose by'iterambere ry'Igihugu haba mu rwego rwa politiki, ubukungu, imibereho myiza n'umuco ndetse n'umuryango bakanabona ku musaruro uvuyemo ku buryo bungana.

## Inyungu zo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye

- Bituma uburenganzira bw'ikiremwamuntu bwubahirizwa
- Byihutisha iterambere ry'igihugu, kandi ntawe usigaye inyuma
- Bifasha kwihutisha iterambere ry'umuryango/urugo
- Bitanga uburenganzira n'amahirwe angana ku bagize sosiyete (abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa), bityo bigatuma babasha kugaragaza impano zabo ndetse bakanabyaza umusaruro amahirwe bagenerwa n'Igihugu mu nzego zitandukanye.
- Bigabanya imvune zishingiye ku mirimo sosiyete igenera bamwe hashingiwe ku gitsina cyabo.

## Ingaruka zikomoka ku kutimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzanye

- Kudindira kw'iterambere ry'umuryango/urugo n'iry'igihugu muri rusange
- Gutakaza uburere bwiza bw'abana
- Kuvutsa bamwe uburenganzira n'amahirwe angana bagenewe nk'ikiremwamuntu
- Kuba intandaro y'ibibazo bibangamira iterambere n'imibereho myiza y'umuryango

## Ni uruhe ruhare rw'abayobozi b'inzego zibanze mu gufata imbere ihame ry'uburinganire?

- Mu byo ukora byose, zirikana ko ihame ry'uburinganire ari kimwe mu burenganzira ntavogerwa bw'ikiremwamuntu
- Gira uruhare mu gufasha no gushishikariza abandi kumva ibyiza byo kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzanye.
- Tanga amahirwe n'uburenganzira bingana k'umugore n'umugabo, ku mwana w'umuhungu n'umukobwa wita ku bibazo byabo kandi hagendewe ku mwihariko wa buri wese – kubera ko ibibazo abagore n'abakobwa bahura nabyo bitandukanye n'iby abahungu n'abagabobahura nabyo bitandukanye n'iby abakobwa bahura nabyo.
- Toza abana (abahungu n'abakobwa) kurangwa n'umuco wo kubahana, gufatanya no kuzuzanya muri byose kandi ubishishikarize n'abandi.

# TUMENYE, DUKUMIRE KANDITURWANYE IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

## Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni iki?

Ni igikorwa icyo ari cyo cyose gikorera umuntu haba ku mubiri, mu mitekerereze, ku myanya ndangagitsina no ku mutungo, kubera ko ari uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo. Icyo gikorwa kimuvutsa uburenganzira bwe kandi kikamugiraho ingaruka mbi. Iryo hohoterwa rishobora gukorerwa mu ngo cyangwa hanze yazo.

## Amoko y'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ririmo amoko 4:

### 1. Ihohoterwa rikorewe ku myanya ndangagitsina

- Gusambanya umwana
- Kwangiza imyanya ndangagitsina
- Gufata ku ngufu
- Gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato uwo bashyingiranywe
- Gukoresha ibikorwa by'urukozasoni ...

## 2. Ihohoterwa rikomeretsa umubiri

- Kwica
- Gukubita no gukomeretsa
- Guhutaza
- Gutwika kimwe mu bice by'umubiri
- Guhana umwana birenze urugero ...

## 3. Ihohoterwa rikomeretsa umutima

- Guhozwa ku nkeke
- Guteshwa agaciro
- Gutukwa, gucunaguzwa, gucyurirwa
- Kubuzwa umudendezo kubera imiterere karemano, kubura urubyaro cyangwa kubyara abana b'igitsina kimwe...

## 4. Ihohoterwa rishingiye ku mutungo

- Kutagira ijambo ku micungire y'umutungo w'urugo
- Kuvutswa uburenganzira ku murimo
- Kwimwa uburenganzira bwo kuzungura
- Kwanga guhahira urugo ...

## Zimwe mu mpamvu zitera Ihohoterwa

- Kudaha umugore cyangwa umugabo agaciro n'uburenganzira akwiye nk'ikiremwamuntu
- Imyumvire mike ku burenganzira bwa muntu
- Ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge
- Guteshuka ku nshingano za kibyeyi
- Gushaka kwikubira, inda nini n'ubusambo
- Ibishuko no gushaka kubaho mu buzima udafitiye ubushobozi ...

## Zimwe mu ngaruka z'Ihohoterwa rishingiye ku gitsina

### A. Uwahohotewe

- Urupfu
- Kwanduzwa SIDA n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye
- Ubugumba n'ubundi bumuga bw'umubiri
- Gutwita inda itateganijwe cyangwa y'imburagihe (ku mwana)



- Ihungabana no kwiheba
- Umutekano muke mu muryango
- Kugira ipfunwe muri sosiyete
- Gutakaza icyizere cyo kubaho

## **B. Uwakoze icyaha**

- Gufungwa no kuba umutwari ku muryango we n'Igihugu
- Kudindira mu kwiteza imbere no guteza imbere umuryango we
- icyimwari no guta agaciro mu bandi
- Kwandura SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina idakingiye
- Guhorana inkomanga ku mutima

## **c. Sosiyete n'Igihugu muri rusange**

- Amakimbirane mu miryango
- Ubukene mu miryango no mu Gihugu muri rusange
- Indwara zitandukanye zibasira abagize umuryango (bwaki, impiswi, malaria, SIDA, n'izindi)
- Kugira abana b'inzererezi ...

## Amategeko ahana uwakoze icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina ni icyaha gihanwa bikomeye n'amategeko y'u Rwanda. By'umwihariko uwasambanyije umwana ashobora guhanishwa igifungo cya burundu. Amwe mu mategeko ateganya ibihano by'iki cyaha:

- Itegeko N°68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, by'umwihariko mu bihano biteganywa n'ingingo ya 133 harimo igihano cy' igifungo cya burundu.
- Itegeko N°71/2018 ryo kuwa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana.

Amategeko kandi ateganya ibihano ku muntu uhishira cyangwa wanga gutanga amakuru ku cyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina nka kimwe mu byaha biri mu gice cy'ibyaha bw'ubugome cyangwa gikomeye. Ingingo ya 243 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko umuntu wese umenya ko icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye kigiye gukorwa cyangwa cyakozwe ntahite abimenyesha kandi abishoboye inzego zishinzwe umutekano, iz'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi kandi byari kukibuzza gukorwa cyangwa kugabanya ingaruka zacyo, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW). Iyo icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye kigiye gukorwa cyangwa cyakozwe ku mwana, ibihano bivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo byikuba kabiri.

## Ni uruhe ruhare rw'abayobozi b'inzego zibanze mu gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina

- Mu byo ukora byose, zirikana ko ihohoterwa rishingiye ku gitsina ari icyaha gikomeye kandi gihonyora uburenganzira bwa muntu ndetse kikaba gihanywa n'amategeko
- Gira uruhare mu gufasha no gusobanurira abagize umuryango kumva ibibi n'ingaruka zikomoka ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Tanga amakuru ku gihe ku nzego bireba igihe cyose ubonye ukoze cyangwa ukorewe icyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina
- Gira uruhare mu gushakira umuti ikibazo/ibibazo by'abagore n'abagabo, abahungu n'abakobwa ku buryo bungana, nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina
- Fasha uwahohotewe gusigasira ibimenyetso kandi utange amakuru ku wamuhohoteye

## Wakora iki igihe ukorewe cyangwa ubonye ukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina?

- Tanga amakuru ku gihe ku nzego zibishinzwe
- Ihutire kugera ku kigo nderabuzima cyangwa ibitaro bikwegereye
- Ihutire kugera kwa muganga nibura amasaha 72 atarashira uhereye igihe wakorewe icyaha
- Sigasira ibimenyetso (wikaraba cyangwa ngo ukuremo umwenda w'imbere) kugira ngo bifashe inzego bireba gukurikirana uwakoze icyaha
- Fasha uwahohotewe kubona ubufasha bwihuse, bukwiye kandi umufashe kugera ku nzego bireba.

# SERIVISE ZASHYIZWEHO MU GUFASHA ABAHOTOHEWE

Mu rwego rwo kurushaho gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, Leta y'u Rwanda yashyizeho serivise zitandukanye zirimo:

- Isange One stop Centre (IOSC)
- Inzu y'Ubufasha mu by'amategeko (MAJ)
- Serivise ishinzwe gukurikira ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ikorera mu bushinjacyaha bukuru

## 1. Isange One stop Centre (IOSC)

Iyi serivise yashyizweho hagamijwe gufasha uwahohotewe kubona serivisi zitandukanye, zihuse, zigatangirwa ahantu hamwe kandi ku buntu. Iyi serivise ikorera mu bitaro 44 by'Uturere. Hari kandi gahunda yo gukwirakwiza zimwe muri serivisi za Isange One stop center mu bigo nderabuzima byose.

## Ni zihe serivise zitangirwa muri Isange One stop Centre?

Iyo uwahohotewe agiye kuri Isange One Stop Centre, ahabwa serivise zikurikira:

### a. Serivise z'ubuvuzi

Uwahohotewe asuzumwa n'umuganga w'inzobere, agakorerwa ibizami hagamijwe kureba ko nta ndwara yanduye, gukingirwa kwandura agakoko gatera SIDA no gusama. Ibyo bigakorwa mu gihe uwahohotewe atarengeje amasaha 72 ahohotewe.

### b. Serivise mu by'isanamitima

Uwahohotewe ahabwa ubujyanama mu by'ihungabana mu rwego rwo kumuhumuriza no kumufasha kwiyakira. Uwahohotewe kandi ashobora gucumbikira by'igihe gito hagamijwe kubanza kumuhumuriza no kumurindira umutekano mu gihe hagishakishwa uburyo yasubira mu muryango.

### c. Serivise z'ubutabera

Uwahohotewe yakirwa n'umugenzacyaha wa RIB, wakira ikibazo cye, bityo kigatangira gusuzumwa no gukurikiranywa kugira ngo ahabwe ubutabera bwihuse kandi bunoze.

- d. Uretse guhabwa serivise z'ubuvuzi no kubona ubutabera, uwahohotewe afashwa gusubizwa mu buzima busanzwe, Isange One Stop Centre ikomeza gukurikirana uwahohotewe mu rwego rwo kumufasha gusubira mu buzima busanzwe.

## Urutonde rw'ibitaro bifite Isange One Stop Centre (IOSC)

### Intara y'Uburengerazuba

	Izina ry'ibitaro	Akarere
1	Ibitaro bya Gihundwe	Rusizi
2	Ibitaro bya Mibirizi	
3	Ibitaro bya Muhororo	Ngororero
4	Ibitaro bya Kabaya	
5	Ibitaro bya Bushenge	Nyamasheke
6	Ibitaro bya Kibogora	
7	Ibitaro bya Shyira	Nyabihu
8	Ibitaro bya Kibuye	Karongi
9	Ibitaro bya Mugonero	
10	Ibitaro bya Kilinda	
11	Ibitaro bya Gisenyi	Rubavu
12	Ibitaro bya Murunda	Rutsiro

## Intara y'amajyepfo

	Izina ry'ibitaro	Akarere
1	Ibitaro bya Kabgayi	Muhanga
2	Ibitaro bya Munini	Nyaruguru
3	Ibitaro bya Kabutare	Huye
4	Ibitaro bya Nyanza	Nyanza
5	Ibitaro bya Gakoma	Gisagara
6	Ibitaro bya Kibilizi	
7	Ibitaro bya Kigeme	Nyamagabe
8	Ibitaro bya Kaduha	
9	Ibitaro bya Remera/Rukoma	Kamonyi
10	Ibitaro bya Kinazi	Ruhango
11	Ibitaro bya Gitwe	

## Intara y'amajyaruguru

	Izina ry'ibitaro	Akarere
1	Ibitaro bya Nemba	Gakenke
2	Ibitaro bya Byumba	Gicumbi
3	Ibitaro bya Ruhengeri	Musanze
4	Ibitaro bya Kinihira	Rulindo
5	Ibitaro bya Rutongo	
6	Ibitaro bya Ruli	
7	Ibitaro bya Butaro	Burera



## Intara y'uburasirazuba

	Izina ry'ibitaro	Akarere
1	Ibitaro bya Nyagatare	Nyagatare
2	Ibitaro bya Kibungo	Ngoma
3	Ibitaro bya Nyamata	Bugesera
4	Ibitaro bya Kirehe	Kirehe
5	Ibitaro bya Rwamagana	Rwamagana
6	Ibitaro bya Ngarama	Gatsibo
7	Ibitaro bya Kiziguro	
8	Ibitaro bya Rwinkwavu	Kayonza
9	Ibitaro bya Gahini	

## Umujyi wa Kigali

	Izina ry'ibitaro	Akarere biherereyemo
1	Ibitaro bya Gisirikare bya Kanombe	Kicukiro
2	Ibitaro bya Masaka	
3	Ibitaro bya Kibagabaga	Gasabo
4	Ibitaro bya Kacyiru	
5	Ibitaro bya Muhima	Nyarugenge

## 2. Inzu y'Ubufasha mu by'amategeko (MAJ)

Kuri buri Karere, hashyizweho serivisi ya MAJ ishinze gutanga ubufasha mu by'amategeko. By'umwihariko, umwe mu bakozi bakora muri icyo serivise ashinze gufasha uwakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina kubona ubujyanama mu by'amategeko burimo inzira z'ubutabera yanyuramo n'ibikenewe bitewe n'ikirego cye no gusaba indishyi n'ibindi. Uyu mukazi wa MAJ kandi afasha kunganira mu mategeko uwahohotewe utishoboye ndetse agafasha uwahohotewe mu kurangirizwa urubanza.

## 3. Serivisi ishinze gukurikirana ibibazo by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ikorera mu Bushinjacyaha Bukuru

Mu Bushinjacyaha Bukuru bwa Repuburika y'u Rwanda hashyizweho serivise yo kurinda no kurengera abahohotewe n'abatangabuhamya. Iyi serivisi ifasha uwahohotewe kubona ubutabera no kubona ubujyanama ku ihungabana. Mu gihe uwahohotewe atishoboye, iyi serivise imufasha kubona umwunganizi mu by'amategeko cyangwa mu gihe bigaragaye ko uwahohotewe cyangwa umutangabuhamya atizeye umutekano we, ashobora gucumbikirwa cyangwa akimurirwa ahandi hantu.

Serivise yo kurinda no kurengera abahohotewe n'abatangabuhamya kandi itanga inama kuri dosiye y'abahohotewe baregeye inzego z'ubutabera ndetse igakorera ubuvugizi abahohotewe mu nzego zinyuranye bireba.

# DUKUMIRE KANDITURWANYE GUSAMBANYA UMWANA

## Umwana ni nde?

Itegeko N°71/2018 ryo ku wa 31/08/2018 ryerekeye kurengera umwana, risobanura umwana nk'umuntu wese (umuhungu cyangwa umukobwa) utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko.

## Gusambanya Umwana ni iki?

Ingingo ya 133 y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange isobanura ko umuntu wese ukorera ku mwana kimwe mu bikorwa bishingiye ku gitsina bikurikira, aba amusambanyije:

- Gushyira igitsina mu gitsina, mu kibuno cyangwa mu kanwa k'umwana;
- Gushyira urugingo urwo arirwo rwose rw'umubiri w'umuntu mu gitsina, cyangwa mu kibuno cy'umwana;
- Gukora ikindi gikorwa cyose ku mubiri w'umwana hagamijwe ishimishamubiri.

## Ingaruka zo Gusambanya umwana

- Bimutera ihungabana rikabije
- Gutwara inda imburagihe, bityo bikamuviramo guta ishuri, gutereranywa n'umuryango we na sosiyete muri rusange.
- Kwandura indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina harimo na SIDA,
- Bishobora kumutera ubumuga cyangwa ibindi bikomere bidakira

## Twakumira dutse isambanywa ry'abana?

- Haranira guha no gukurikirana uburere bwiza bw'umwana wawe ndetse n'uwabandi
- Ganiriza abana (abahungu n'abakobwa) ubuzima bw'imyorokere ndetse n'izindi ngingo zigamije kubaremamo icyizere cy'ejo hazaza.
- Irinde amakimbirane mu muryango kuko aba intandaro ituma abana bajya gushakira ahandi ubuzima bwiza
- Haranira imibereho myiza y'abagize umuryango wawe ndetse wite ku nshingano za kibyezi
- Toza abana kurangwa n'umuco n'indangagaciro nyarwanda
- Toza abana kukunda umurimo unozwe ndetse no kwirinda ibishuko n'irari
- Tanga amakuru ku wasambanyije umwana byaba byamuviriyemo gutwita cyangwa atatwise.

## Wafasha iki umwana wahohotewe bikamuviramo gutwara inda imburagihe?

- Mufashe kubona ubutabera bunoze ku cyaha yakorewe
- Irinde ku muhoza ku nkeke no kumubwira amagambo akomeretsa umutima
- Mufashe gusubira mu buzima busanzwe no kongera kwigirira icyizere (Niba yarataye ishuri mufashe kurisubiramo. Niba yarateranywe n'umuryango we akaba atagira aho aba, mufashe kubona aho aba, ndetse umufashe kongera kumuhuza n'umuryango we).
- Wimuha akato, ndetse ubishishikarize n'abandi
- Mufashe kubona amikoro yo kubaho we n'umwana

# TUMENYE, DUKUMIRE KANDITURWANYE ICURUZWA RY'ABANTU

## Icuruzwa ry'abantu ni iki?

Ni ibikorwa bihindura umuntu igicuruzwa hagamijwe kumubyaza inyungu, hakoreshejwe uburiganya, ibikangisho, imbaraga cyangwa agahato. Ibi bikorwa bishobora gukorerwa imbere mu gihugu cyangwa mu mahanga.

## Icuruzwa ry'abantu rikorwa rite?

Abenshi bacuruzwa bashukwa ko bagiye guhabwa akazi keza mu mahanga cyangwa imbere mu gihugu, kwishyurirwa amashuri mu mahanga, gushaka umugabo n'ubundi buriganya butandukanye.

## Icuruzwa ry'abantu ryibasira bande?

- Urubyiruko cyane urw'abakobwa
- Abana baba mu miryango irimo amakimbirane
- Abana bacikirije amashuri
- Abana b'imfubyi
- Urubyiruko rudafite akazi / abashomeri ...

## Abacurujwe bakoreshwa iki?

- Ibikorwa by'urukozasoni birimo gukinishwa amafilimi y'urukozasoni
- Kugirwa igikoresho cy'uburaya
- Gukoreshwa imirimo y'ubucakara
- Gukurwamo zimwe mu ngingo z'umubiri zikagurishwa
- Gushorwa mu bikorwa binyuranije n'amategeko nko gucuruza ibiyobyabwenge ...

## Ingaruka z'icuruzwa ry'abantu

- Urupfu
- Gukurwamo ingingo z'umubiri
- Gutwara inda imburagihe
- Kwanduzwa SIDA n'zindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina
- Ihungabana rikabije
- Gucikiriza amashuri
- Gutakaza icyizere cy'ubuzima
- Gushorwa mu biyobyabwenge n'ibikorwa by'urukozasoni n'ubusambanyi ...

## Wakora iki mu gukumira no kurwanya icuruzwa ry'abantu?

- Tanga amakuru ku gihe aho ubonye, uketse cyangwa wumvise icuruzwa ry'abantu
- Mubyeyi, haranira guha abana bawe uburere bwiza
- Shishoza igihe umwana akubwiye ko hari umuntu uri kumushakira akazi mu mahanga cyangwa ahandi hantu runaka imbere mu gihugu; amashuri meza mu mahanga cyangwa imbere mu gihugu.
- Gira amakenga, wishukwa n'uwari we wese akwizeza ubuzima bwiza hanze y'igihugu cyawe
- Amahoteri, utubari n'abandi batanga serivisi z'amacumbi barasabwa kugenzura ko nta babagana bafite imigambi y'Icuruzwa ry'abantu.

## Numero zitishyurwa wahamagaraho

- Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB): **3512**
- Polisi y'Igihugu: **116**
- Ubushinjacyaha Bukuru: **3677**
- Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagore n'Abagabo mu Iterambere ry'Igihugu (GMO): **5798**

Gender Monitoring Office

[www.gmo.gov.rw](http://www.gmo.gov.rw)